**AMABWIRIZA YA KOMISERI MUKURU WA RCS N°.016./2022.YO KU WA.20../06./2022 AGENGA KANTINE ZA GEREZA**

**KOMISERI MUKURU WA RCS**

Ashingiye ku Itegeko n° 34/2010 ryo kuwa 12/11/2010 rishyiraho Urwego rw'Igihugu Rushinzwe Imfungwa n'Abagororwa rikanagena imitunganyirize n'imikorere byarwo, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 12

**ATANZE AMABWIRIZA AKURIKIRA:**

**Ingingo ya 1: Icyo aya mabwiriza agamije**

Aya mabwiriza agenga imikorere ya Kantine.

**Ingingo ya 2 : Abarebwa n'aya mabwiriza**

Aya mabwiriza areba abakurikira :

1. Umuyobozi wa Gereza.
2. Umukozi ushinzwe imibereho myiza y'abantu bafunzwe .
3. Umucungamutungo wa Gereza .
4. Rwiyemezamirimo watsindiye isoko rya kantine.
5. Abakozi ba kantine.

**Ingingo ya 3 : Gupiganira kantine ya Gereza**

Gupiganira kantine ya Gereza bikorwa mu nzira no mu buryo buteganywa n'Itegeko rigenga amasoko ya Leta.

**Ingingo ya 4 : Inshingano z'uwatsindiye isoko rya kantine**

Uwatsindiye kantine afite inshingano zikurikira :

1. Gushyira umukono ku masezerano y'ubukode bwa kantine.
2. Kugenzura ibikorwa byo guhaha no gutanga ibicuruzwa byasabwe n'ushinzwe imibereho myiza y'abantu bafunzwe.
3. Gukumira ibibujijwe muri kantine ndetse no kwirinda ikwirakwizwa ryabyo.
4. Kugenzura imikorere ya kantine hirindwa icyateza umutekano muke kuri gereza.
5. Kwishyura ubukode bwa kantine buri kwezi, amafaranga 250,000Frws (Emergence fund) asigara kuri Konti ya Welfare ya Gereza, andi mafaranga arenga ku 250,000Frws agashyirwa kuri Konti ya RCS/Welfare N° 7022268 iri muri ZIGAMA CSS.

6. Kugenzura ko ibicuruzwa byo muri kantine bitarangeje igihe cyagenwe n'uruganda rwabikoze cyangwa bitangiritse.
7. Kumanika urutonde rw'ibiciro by'ibicuruzwa byo muri kantine aho abantu bafunzwe babasha kubibona.
8. Kubahiriza amabwiriza yose yatanzwe n'ubuyobozi bwa RCS areba aho kantine iherereye.
9. Kugira isuku y'aho akorera n'ibyo akora.

**<u>Ingingoya 5</u> : Inshingano z'umuyobozi wa Gereza**

Umuyobozi wa Gereza afite inshingano zikurikira :

1. Gushyiraho ingamba z'imikoranire hagati ya kantine n'ibiro bishinzwe uburenganzira bw'abantu bafunzwe.
2. Kugenzura ko amasezerano ya Kantine yubahirizwa.
3. Gufasha kantine gukorera mu mutekano.
4. Gushyiraho ingamba zikumira icuruzwa ry'ibitemewe muri kantine.
5. Gusaba mu nyandiko Komiseri Mukuru wa RCS amafaranga abura ngo huzure ibihumbi 250,000Frws akoreshwa nk'uko byemejwe n'Inama y'Ubuyobozi Bukuru bwa RCS yateranye kuwa 08/11/2021.

**<u>Ingingo ya 6</u>: Inshingano z'ushinzwe imiberehomyiza y'abantu bafunzwe**

Ushinzwe imibereho myiza y'abantu bafunzwe afite inshingano:

1. Gusuzuma ubusabe bwo guhaha bwatanzwe n'abantu bafunzwe.
2. Guhuza ubusabe bwose no gutanga urutonde rw'ibicuruzwa bikenewe k'uyobora kantine.
3. Gusuzuma inyemezabwishyu igereranywa n'urutonde rw'ibicuruzwa byasabwe.
4. Guha raporo umuyobozi wa Gereza ku bikorwa byo guhaha

**<u>Ingingo ya 7</u>: Inshingano z'umucungamutungo wa Gereza**

Umucungamutungo wa Gereza afite inshingano zikurikira :

1. Gusuzuma inyemezabuguzi.
2. Kwishyura inyemezabuguzi z'ibicuruzwa byahashywe n'abantu bafunze.
3. Gutanga raporo ku mafaranga yahahishijwe n'ay'ubukode bwa kantine.
4. Kugenzura ko Rwiyemezamirimo yishyuye ku gihe cyateganyijwe mu masezerano

**<u>Ingingo ya 8</u> : Uburenganzira bw'umuguzi**

Umuguzi wo muri kantine afite uburenganzira bukurikira:

1. Guhabwa amakuru ku bicuruzwa bigurishwa muri kantine.

2. Kugezwaho ibicuruzwa yahashye.
3. Kugenzura ibicuruzwa agemuriwe.
4. Kwanga ibicuruzwa ahawe igihe binyuranye n'ibyo yasabye cyangwa byangiritse.
5. Gusubizwa amafaranga igihe yanze ibicuruzwa yahashye bifite ikibazo.

**<u>Ingingo ya 9</u>: Ibikorwa by'ubucuruzi muri kantine**

Kantine ikorerwamo ibikorwa by'ubucuruzi bikurikira:

1. Ibiribwa.
2. Ibinyobwa bidasembuye.
3. Ibikoresho by'isuku.
4. Imyambaro n'inkweto.

**<u>Ingingo ya 10</u>: Amasaha y'akazi**

Ibikorwa by'ubucuruzi muri kantine ya Gereza bitangira saa moya z'igitondo (07h00 am) kugeza saa kumi n'imwe z'umugoroba (17h00 pm). Ibikorwa by'ubucuruzi bikorwa mu iminsi yose.

**<u>Ingingo ya 11</u>: Uburyo bwo guhahira muri kantine**

Kugirango umuntu ufunzwe ahahire muri kantine ya gereza, agomba kuba yujuje ibikurikira:

1. Kuba hari amafaranga abikiwe mu buryo koranabuhanga (IECMS) n'ubuyobozi bwa gereza.
2. Kwandikira ushinzwe imibereho myiza y'abantu bafunzwe agaragaza urutonde rw'ibyo akeneye.
3. Kubahiriza umunsi wagenwe gusaba guhaha

**<u>Ingingo ya 12</u>: Kugena ibiciro muri kantine**

Ibiciro by'ibicuruzwa byose biri muri kantine ya Gereza bigomba kuba bihura n'ibiciro biri ku masoko yo mu karere Gereza iherereyemo.

Bimaze kugenzurwa n'ubuyobozi bwa Gereza, kuzamura ibiciro ku bicuruzwa biri muri kantine ya Gereza bisabwa mu nyandiko yandikirwa umuyobozi wa Gereza, hagaragazwa ko habaye izamuka cyangwa imanuka ry'ibiciro ku yandi masoko muri ako Karere Gereza iherereyemo.

**<u>Ingingo ya 13</u>: Kugenzura ibikorwa bya kantine**

Ibikorwa bya kantine bigenzurwa n'ishami rishinzwe ubugenzuzi muri RCS.

**Ingingo ya 14 : Kwishyura ubukode bwa kantine**

Kwishyura amafaranga y'ubukode bwa kantine bikorwa kuri buri tariki no kuri konti ya banki iri mu masezerano yasinywe n'impande zombi.

**Ingingo ya 15 : Amasezerano y'ubukode**

Amasezerano y'ubukode bwa kantine ya gereza afite agaciro karenze miliyoni imwe y'amafaranga y'u Rwanda ku kwezi yemezwa na Komiseri Mukuru wa RCS.

**Ingingo ya 16: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza**

Ingingo zose z'amabwiriza abanziriza aya kandi zinyuranyije nayo zivanyweho.

**Ingingo ya 17 : Igihe amabwiriza atangira gukurikizwa**

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku munsi yashyiriweho umukono na Komiseri Mukuru wa RCS.

**Bikorewe i Kigali, kuwa 20/06/2022**

**Juvenal MARIZAMUNDA**
CGP
Komiseri Mukuru wa RCS